**A Ikibazo cyo gukiranirwa**

- ❖ Ubucukumbuzi bw'amasigaratongo bwagaragaje ko idini ya Kanani yari nk'uko Bibiliya ibivuga koko: ubupfumu, kuragura, kuvugana n'abapfuye, gukorana n'imyuka … Ndetse no gutamba abana (Gutegeka kwa Kabiri 18:9–12)! Kuri ibi hagomba kongerwaho umuhango w'"ubusambanyi bwejejwe"—budafite aho buhuriye n'ukwera—wakorwaga n'abatambyi n'abatambyikazi.
- ❖ Nubwo iyi migenzo yari isanzwe imenyerewe mu gihe cya Aburahamu, Imana yabahaye imyaka irenga 400 kugira ngo bahindure imyitwarire yabo.
- ❖ Amaherezo, iyi mihango idahwitse, yateshaga agaciro imicombonera y'abantu kandi igashyigikira ubwoko bwose bw'ingeso mbi, yagombaga gukurwaho. Gutsemba Abanyakanani byari ugukumira—nibura by'igihe runaka—kwangirika kw'imicombonera y'abantu.

**B Ikibazo cy'ubutabera**

- ❖ Urukundo n'ubutabera ni byo shingiro ry'imico y'Imana. Ibi bimugira umucamanza utabera kandi utabogama, usubika igihano kugira ngo umunyabyaha ahinduke, ariko utazihanganira ikibi iteka ryose.
- ❖ Intambara yo kwigarurira Kanani ntiyakozwe ku mpamvu zo kwiyomekaho ubutaka, ahubwo yakozwe ku itegeko ry'Imana ryo gusohoza igihano abaturage baho babi bari bakwiriye.
- ❖ Icyifuzo cy'Imana kwari ugushyira aho hantu ubutegetsi bukiranuka, bwajyaga kubera urugero amahanga yose, bukabashishikariza kuzahura imicombonera yabo, bityo amahoro n'ubutabera bikagerwaho ku isi yose (Gutegeka kwa Kabiri 4:5–6).

**C Uko Bibiliya ibona intambara**

- ❖ Muri Bibiliya, intambara zagombaga kugarukira ku bihe runaka kandi zikagenwa n'Imana ubwayo. Aya ni yo mategeko yagengaga intambara zemewe n'Imana:
  - — Ingabo zabigize umwuga ntabwo zari zemewe
  - — Abasirikare ntibahembwaga kandi kenshi ntibashoboraga no gufata iminyago
  - — Intambara yemerwaga gusa ni iyo kwigarurira cyangwa kurinda Igihugu cy'Isezerano muri icyo gihe cy'amateka
  - — Bayoborwaga n'abahanuzi bahumekewe n'Imana (nka Mose cyangwa Yosuwa)
  - — Mbere y'urugamba, hasabwaga imyiteguro yo mu bya mwuka
  - — Umwisirayeli wese utubahirije amategeko y'intambara yafatwaga nk'umwanzi
  - — Inshuro nyinshi, Imana yatabaraga mu ntambara mu buryo butaziguye

**D Kurimburwa n'amahitamo yabo ubwabo**

- ❖ Akarere kose ka Kanani katangajwe ko katanzwe, ni ukuvuga ko kagombaga kurimbuka. Ikintu cyose gifite ubuzima cyagombaga gupfa (Gutegeka 20:16–18; Yosuwa 10:40). Ariko hariho irengayobora:
  - — Abagombaga kurimbuka, ariko bakumvira Imana bashoboraga kubaho (urugero: Rahabu)
  - — Abisirayeli batumviye Imana bagombaga gupfa (urugero: Akani).
- ❖ Imbere y'Imana, Abanyakanani n'Abisirayeli babonwaga kimwe: nta kurobanura ku butoni. Itandukaniro ryari ko bamwe bahisemo gukomeza kwigomeka ku Mana, abandi bahitamo kuyumvira.
- ❖ Uyu munsi, amahitamo aracyari ayacu. Yesu naza, tuzakizwa cyangwa turimbuke bitewe n'amahitamo yacu.

**E Gushaka amahoro**

- ❖ Yesu yitwa "Umwami w'amahoro" (Yesaya 9:6). Yazanwe no kuzana amahoro, kandi mu mahoro ni ho azategekera (Yohana 14:27; Yesaya 60:17). Ariko kugeza igihe ubwami Bwe bw'amahoro buzabera impamo, turacyari mu karere k'intambara, dufashe ibyimbo mu ntambara iri hagati y'icyiza n'ikibi.
- ❖ Ubwo ingabo z'Abasiriya zagotaga Dotani kugira ngo zifate umuhanuzi Elisa, ntiyasabye Imana ko ingabo zo mu ijuru zari zimukikije zirimbura Abasiriya. Ahubwo yasabye ko ingabo z'Abasiriya zijyanwa i Samariya zihumye kugira ngo nizimara kugerayo, bizane amahoro hagati y'ibihugu byombi byari bihanganye (2 Abami 6:12–23).
- ❖ Uru ni urugero Yesu yatwigishije: guhora dushakisha amahoro mu bihe by'amakimbirane. Kuneshesha ikibi icyiza (Abaroma 12:20–21).